

KA02 2086

# KANGURA

RECIA

100frw

250frw

IWI RIGAMIJE GUKANGURA NO  
KUFENGERA RUBANDA  
NYAMWINSHI

N° 59

MARS II 1994

## ARUSHA YABYAYE IBIHUMYE.




Dr. MUREGO Donat

**GUVERINOMA YA TWAGIRA  
MUNGU IGIYE KUROHA U  
RWANDA MU NTAMBARA  
Y'AMOKO.**

**MURI MRND  
TUZIZERE NDE ?**

**TURAKINA MU  
BIKOMEYE ...**



Abashyamba abashyamba - Rwanda - 5 000 FRW  
Abashyamba abashyamba - Africa - 12 000 FRW  
Abashyamba abashyamba - Europe - 25 000 FRW  
Sur carte BCR - 14273/14 Kigali

## EREGA FPR IRABUCAKIYE KOKO.



Ngo ibihe biha ibindi koko. Hano iwacu muri Kangura duherutse kwakira abantu banyuranye cyane cyane abakuru bazi uko 1959 yatangira n'uko yarangiye. Harimo abakuranye na Nyakwigendera G. Kayibanda, harimo abafashije Habyarimana guhirika Kayibanda. Abo bese icyo bahurizagaho nuko bemezaga ko Kangura igomba gushyigikirwa, igaterwa inkunga yatuma ikomeza gukangura rubanda muri kino gihe cy'inzi-bacyuho twatangiyeye tutazi igihe izarangiye. Mu izina ry'amashyaka yose bakomokamo, uturere dutandukanye, bemeje ko umurimo Kangura yakoze ibuzabwo inyenzi kwigarurira urwatubonye no gusibanganya revolisiyo ya rubanda yo muri 1959, ukwiye gushyigikirwa. Umusaza muri abo bari badusuye, ubu akaba ayobora Kamunzu y'u Rwanda yemeje ko Kangura izahabwa umwanya ukwiye mu mateka y'u Rwanda. Ko ibitekerezo byayo ari byo abahanga n'abahanzi, abandi-tsi b'amateka bazaheraho bakoresha ubuhanga bwabo mu gutegura inyigisho zizahabwa abazavuka mu minsi izaza.

### Tuvuye he, tugiye he?

Muri iki gihe guverinoma ikomoka kumasezerano y'Arusha igiyeho, izanye ibibazo byinshi, nyamara icyo abantu bavugaga rumwe ntibabeshyane, gucyemura ibibazo biroroha. Tuvuye mu ntambara twashojwemo na FPR yaje yica, yangiza, ivuga ko iharanira demokarasi. Amashyaka y'imbere mu gihugu nayo yishakiraga kugabana ubutegetsi bwa Habyarimana, yunganiye FPR, mu ngingo zimwe na zimwe kugeza ubwo FPR iyakoresha ibibi byinshi bituma FPR yifatira amwe mu makomine y'amajyaruguru y'u Rwanda. Mwese mwibuka amasezerano MDR yasinanyanye na FPR yo gukorana muri byose. Twe abo muri Kangura twaranyamaganye tuvugaga ko ikibazo cy'u Rwanda kitari mu mashyaka. Ko

ahubwo kiri hagati y'abahutu n'abatutsi. icyo gihe abatwamaganaga nibwo twabwiraga ko bazadukurikiza ahubwo bakadufasha kubyigisha. Iyo ni imwe mu ngingo ituma twarabaye ibirangirire. Abahutu batugaye ni abo muri FPR ariko nabo twababonye amayeri yo kubagarura kandi ntabwo bazatunaniye kuko batarusha ubukana ba Mugenzi n'abandi. icya ngombwa nuko duhuriza ku byiza revolisiyo yo muri 1959 yatuzaniye. Byaba bimaze iki kwambura Habyarimana ubutegetsi aho kugira ngo ubuhe rubanda ahubwo ukabuha inyenzi zitazanabigushimira. Ingero ntizibuze kuko ibyo Kangura yavuze ku Burundi bihagije ngo buri wese ushaka kumva yumve. FPR yabeshywe byinshi turabivugaga igirango turabeshya. Nyamara ishatase yabyemera kuko ubu nigeru mu butegetsi ikongera kwica abatawugaga rumwe nayo igambiriyeye gutera ubwoba nkuko Museveni yabigenje muri Uganda, izatuma na babandi basigaye muri PSD na PDC bayikuraho amaboko. Ingero ntizibuze

Niba FPR ivugaga ngo ikorana n'amashyaka y'imbere mu gihugu, izarebe niba hari ishyamba rizayifasha mu kubona burugumesitiri. None se kuvugaga ko mu ba burugumesitiri basaga 17 MDR ifite muri Gitarama, ishobora guhamo FPR nibura 2 ngo nuko bafatanyije? Nta shyamba na rimwe rishobora kuzafasha FPR mu gutwagira umuyoboke wayo. Kuko na PSD, urupfu rwa Gatabazi rwatumye hahita havuka ikibazo cy'abatutsi muri iryo shyamba. None se tuvugaga ko Kanyarengwe ashobora kwiyamamariza n'iwabo agatorwa? Naho yaba yiyamamariza u buselire ntibishoboka gutsinda.

None se tuvugaga ko Kajeguhakwa w'umututsi ari we uzabona umwanya iwabo ku Gisenyi aho Lizinde, Biseruka, Bizimungu n'abahutu badashobora kubona n'umwanya w'ubuserire? Ngo urucira mukaso rugatwara nyoko. FPR yatumye amashyaka abona imyanya atarukiye kubera ko nta bayoboke ifite. Ubu uko bigiye kumera mu gusaranganya imyanya yose iboneka mu gihugu, amashyaka yose ari muri Guverinoma agiye kuviraho indi imwe MRND. Abayoboke ba MRND bese babure akazi. Uwirukanywe abure kirengera. Imyanya yose iboneka igabanwe. Abo muri MRND bashomere kubera ko ishyamba ritabavugira nta ngufu rizaba rifite muri Guverinoma no mu nteko nshingamate-

geko. Ibyo nibirangira noneho na FPR akayo kabe karashobotse idashobora kongera gukanga ngo iratera. Kuko izaba iziko iteye abayo bese bashira kandi noneho tuzaba tubazi kubera kwiriranwa nabo no gukorana nabo.

### Nta matora azaba mbere y'imyaka itandatu (1994 - 2000)

Kwemeza ko mu Rwanda nta matora azabaho mbere y'imyaka 6 ni uburaguzi bwa Kangura ahubwo bibonwa n'uko ari we wese ushaka kubibona. None se wambwira ko FPR itagira abayoboke ishobora kwifuzaga amatora kandi yarabonye ingero zihagije ubwo yatwagira aho yigariye ikabura umukandida n'umwe wayo uturwa. Kandi yarakoreshaga n'iterabwoba. Ubwo se insinzi yaburiye aho itegeka izazibona ite ahandi? PSD, PDC, PL wambwira ko zakwemeraga amatora zite kandi zizi ko Arusha yazihaye imyanya ikubye kane icyo zagombaga kubona ubu koko? PDC yakwifuzaga ko habaho amatora ite niyo yaba ay'abasefere?

Amashyaka ari muri Guverinoma ashobora kuzasaba amatora ni MDR na MRND kuko ahari yo ashobora kuzakoramo. Muri MRND naho ntawabyizera kuko ikomeje imikorere yayo itagize icyo ihindura, iyi nzibacyuho yazarangira yaracitsemu ibice bitatu. Igomba kumenyana ko ubu FPR igiye gukora ibishoboka byose ikarizanamwo amacakubiri nko muri MDR. Kandi ibyo biraboneka kuko hari abo muvugana bakakubwira ko bari muri MRND batayikunda, ko barimo kubera ko bakunda Habyarimana. Uko gukunda umuntu udakunda ishyamba muhuriyemo rero bishobora gutuma nayo ibura ingufu abantu batabikekaga. Twe muri Kangura turabibona usibye ko mwe mutabibona muzabibona byabaye.

### None se ni nde MRND izamamariza umwanya wa Perezida wa Repuburika inzibacyuho irangiye?

Inama nagira abo muri MRND ni ugukunda ishyamba ryabo badakunze umuntu. Kuko uwo muntu siwe kamara, ashobora kubona impamvu nyinshi zituma atiyamamaza. Kandi abo muri MRND bagombye gutangira kwiyumvisha ko nyuma ya Habyarimana, ishyamba ryabo ryabona undi utegeka igihugu kandi neza. Apfa kubaza ibanga ry' MRND kandi akaba yemera ibitekerezo byayo. Atari bya

bindi byo kuririmba ngo uri MRND kubera imbehe urimo gusa naho ubundi ku mutima wibereye bihehe.

Itegeko ritegura umushinga w'amatora ntirizigwa kubera ko ntawe uzaba arikeneye. Ushobora gutuma itegeko ry'amatora ryigwa vuba ni Habyarimana ariko nta ngufu azaba afite. Nta naho kuvugira hazaba hahari. Twagiramungu n'inyenzi ze n'ibitso bye bizakomeza kuniga ijwi rye. Bityo na rubanda ntimenye aho igihugu kigeze nuko gitegekwa. Iyaba Habyarimana yari afite ijambo yari kuzabwira abazungu bafasha u

Rwanda bakaduhatira kujya mu matora ya vuba. Bityo amafanga bazaba bashora mu butegetsi bw'inzibacyuho agahagarikwa agashorwa mu matora bityo u Rwanda abazungu babeshya ko bakunda bakaruvana Imu kaduruvayo. Ariko se ibyo byose byashoboka bite na ziriya nyenzi z'ababiligi? Nta kindi kintu kizakiza u Rwanda usibye ko abazungu bazadufasha gukoresha amatora, rubanda igategekwa uko ibyifuza. Kangura nayo ikaba "mbwirabumva".

### Igitero cya nyuma cya FPR.

FPR yakoze umubare ko nimirira kugera mu butegetsi bw'inzibacyuho igasangamo ibibazo, ingabo zayo zasigaye ishyanga zizongera zigatera, zingatanga impamvu ko ibyo FPR yagiranye na Guverinoma y'u Rwanda zo zitabyemera. Bityo ibitso byayo byo mu butegetsi bizifashe. Nitubaza badusubize ngo na FPR yacitsemo ibice nkuko andi mashyaka yigeze kumera. Ni nde se uzabihakana kandi no muri MDR, PL, PDI byarabaye. Reka rero bizabe no muri MRND naho hacikemo ibice.

NGEZE Hassan.

## NIBA IMANA IBAHO KOKO YADUKIJE NSENGIYAREMYE.



maze bagirana amasezerano yiswe ayi Mombasa na n'ubu ayo masezerano niyo akozeho MDR. Nibyo Twagiramungu aheraho abwira abanyamahanga ko muri MDR nta kibazo kirimo, ko urugero ari uko na Nsengiyaremye wigeze kuba minisitiri w'intebe, akaba visi-perezida wa MDR bari hamwe. Ibyo byose kandi bikorwa n'inkotanyi binyuze kuri Twagiramungu. Ubu ho rero nyuma y'aho Gatabazi apfiriye, inkotanyi zikorera ibishoboka byose ngo zirebe ko zakongera kwigarurira MDR. ariko kubera ko iryo shyamba ubu abariyobotse bose basobanuriwe ububi bw'inkotanyi, bakibutswa revolisiyo yo mu w'1959, ntibishoboka ko amakosa yakozwe kubera politiki yari itarafutuka yakongera gukorwa.

Ubu inkotanyi zirakora ibishoboka byose ngo Nsengiyaremye yongere abe uwazo maze yongere agaragaze ubuswa bwe. Maze abe ariwe ugirwa agakingirizo, yerekwe amahanga ko nta kibazo gihari. Ibyo kandi byarashobotse kuko Twagiramungu yamwemereye umwanya igihe cyose yemeye kumupfukamira. Nguko uko Nsengiyaremye asubiye gukorera inkotanyi ngo araharanira umwanya nawo atazarya kabiri. icyo twe dusaba abanyarwanda bakunda igihugu, ni ugukora ibishoboka byose, abasenga, bagasenga, abandika tukandika, abavuga bakavuga, abigisha bakigisha maze buri muntu aho arihose, akazirikana amakosa yakozwe na Nsengiyaremye na Ngurinzira.

Byaba ngombwa tukababuzza epfo na ruguru ariko inkotanyi ntizitwice urubozo zibinyujije kuri abo bantu bitwa ko bakomoka mu ishyamba rya rubanda MDR. Amakosa arazwi icya ngombwa nuko twahora tuyibukirany.

NGEZE Hassan.

Ngo akamasa kazamara inka kazivukamo. Ubu abakunda rubanda, bagakunda u Rwanda baribaza iyo rujya. Cyane cyane ku bikorwa n'abanyapolitiki. Mwese muzi ukuntu ubuswa, ruswa, inda mbi byaranze Nsengiyaremye bigatuma yoreka inihugu mu kaga tutazibagirwa. Mwese muzi ukuntu yahunze. Abo muri MDR bagashyitsa agatima mu nda bakiruhutsa. Nta yindi mpamvu yatamaga basubiza agatima mu nda, nta rundi rwango bangaga uwo mugabo, usibye akaga yatayemo ishyamba MDR ryari ritezweho gukiza igihugu.

Akimara kujya i Buraya, abasigaye barisuganyije bashyiraho gahunda yo kuzahura ishyamba ryabo, bityo n'igihugu kiboneraho.

Muzi mwese ukuntu hafashwe ibyemezo byo kwirukana mu ishyamba Twagiramungu. Muzi ukuntu yasabye imbabazi bikanyura no kuri Radiyo. Mu gihe ishyamba ryari ritarangiza icyo kibazo ngo rinatore uzagombora Twagiramungu kumwanya w'ishyamba yari yambuwe kubera amarorerwa ye. Uriya muswa yaje kumutiza ingufu


## GUVERINOMA YA TWAGIRAMUNGU IGIYE KUROHA U RWANDA MU NTAMBARA Y'AMOKO.

Amateka y'isi atwibutsa umwami umwe w'abaromani witwa Néron wari umusazi. Uwo mugabo yagize atya atwika Roma umurwa mukuru w'ubwami bwe.

Arangije ayo marorerwa ayagera ku bakristu ngo abone uko abamarira ku icumu. Burya koko usenya urwe umutiza umuhoro. Abantu bameze nka Néron no mu Rwanda barahari. Iyo Twagiramungu yirirwa avuza induru ngo abanzi b'amahoro, ntiwakeka ko ari we urimo kuyahungabanya. Twagiramungu ashobora kuroha igihugu mu ntambara y'amoko cyangwa se akakigabiza inyenzi. Kandi imigambi ye yarayigagaje bihagije umunsi yicara i Buruseri ku kicyicaro gikuru cy'inkotanyi, agatanga Byumba na Ruhengeri ngo zifatwe.

Vuba aha Twagiramungu aherutse gutangaza amazirama y'abazajya muri Guverinoma azayobora. Si ngombwa kwirirwa dusubira mu mazi na y'abagize iyo Guverinoma ngambanyi kuko twizera ko mwashoboye kuyikurikira ku maradiyo yanyu. Gusa ikigaragara bwa mbere ni uko iyo Guverinoma igizwe n'abantu bishyizeho cyangwa se yishyiriyeho ubwe, batatanzwe n'inzego nkuru z'amashyaka bakomokamo.

Ikindi ni uko abasubiye muri iyo Guverinoma ari ba bandi bagambaniye u Rwanda Arusha bagahesha ubutegetsi inkotanyi. Izo mpungenge umukuru w'igihugu yazigararaje minisitiri w'intebe wa Guverinoma y'inzibacyuho yaguye kuri FPR igihe ya mwakiraga. Perezida Habyarimana yibukije Rukokoma ko we kubwe yemeye ko abaminisitiri barahira kimwe n'abadepite. Ariko ko bagomba kuba bumvikanyweho n'inzego nkuru z'amashyaka yabo. Ku byerekeye ishyingiraho ry'inzego z'ubutegetsi bw'inzibacyuho yaguye, ikibazo kiracyari cyane cyane ku mashyaka abinariyo MDR na PL. Muri MDR ikibazo cya mbere na mbere kiri kuri Twagiramungu Faustin. Ntiyigeze atangwa n'ishyaka MDR kandi umwanya wa Minisitiri w'intebe warahawe MDR. Biro politiki yemeye kudohorera Twagiramungu, imwemerera kwiha urwo mwanya n'ubwo bwose yari yarukanywe na ishya. icyo biro politiki ya MDR yasabaga Twagiramungu



wigize igihangange ni ukwemera nibura ko ariho imuha lisiti y'abaminisitiri bazajya muri guverinoma kimwe n'abadepite bazajya mu nama nshinga mategeko. Ikigaragara ni uko Twagiramungu yakinye abapawa politiki yita iyo hejuru agafata abaminisitiri bihinduye abapawa kandi ari ibyitso by'inyenzi. Ndashaka kuvuga abantu nka Ngurinzira na Nsengiyaremye baroshye abanyarwanda mu makuba barimo mu byo bise amasezerano y'amahoro y'Arusha. Birumvikana ko twagiramungu atari gusiga icyana cye Agata kuko nta kundi byagenda. #

Muri PL naho ingorane ziracyari zose. Mbere y'uko Rukokoma atangaza Guverinoma ye, amashyaka atanu ari muri Guverinoma iriho ubu, ahereye ku nama z'abanyamadini bari batanze, yari yumvikanye ko igice cya PL cy'abahutu kiyobowe na Mugenzi cyahabwa abaminisitiri 2 n'abadepite batanu. Naho igice cya PL cy'inyenzi kiyobowe na Landuwalidi Ndasingwa kigahabwa umuminisitiri umwe n'abadepite 6.

Kubyerekeye minisitiri za PL ayo mashyaka yari yemeje ko minisitiri y'ubutabera itahabwa inyenzi, ko yahabwa abahutu. Nyamara se Twagiramungu yigeze yumva izo nama!

Minisitiri ebyiri zari zemerewe igice cya PL y'abahutu yarazibimye abaha imwe gusa y'inganda n'ubuko-

rikori. Inyenzi azegurira minisitiri y'ubutabera kugira ngo zibone uko zisoza imigambi yazo nibisha.

Ku byerekeye abadepite bazajya mu nama ishingamategako, naho ibibazo biracyari byose muri MDR. Twagiramungu n'Agata ntibashaka abadepite b'abahutu (power) cyangwa se bafite ibitekerezo bya gihutu.

Ikibazo gikomeye kiri kw'ishyaka CDR, ishyaka rihagarariye rubanda nyamwinshi igeze kuri 85 ku ijana by'abanyarwanda.

Amasezerano y'Arusha yarabanje asezerera iryo shyaka muri guverinoma ngo niko inyenzi zabitegegenewe ishyaka iri n'iri. Ingaruka zabyo niyo tukizibona kandi ntacyo turabona. Ishyaka iyo rihawe minisitiri iyi n'iyi ryumva ko ari akarima karyo. Bajya gutanga akazi ngababwira abayoboke banyu gusa. Nabo akenshi akaba nta bushobozi baba baragaragaje.

### U Rwanda rwabuze abanyabwenge?

Abanyarwanda bakunze gutera urwenya ku mutegetsi wo kuri republika ya mbere tudashatse kuvuga izina. Ngo yariyakoze we na mugenzi we bajya mu nama mpuzamahanga u Rwanda rwari rwatumiyemo. Ntibamubajije kugira icyo avugaga nawe ati: "ibyo kanaka avuze ntacyo nongeraho", kandi ubwo nibyari byavuzwe ntacyo yari yiyumviyemo. Abantu nkabo baragarutse mu nzibacyuho. Perezida Habyarimana yari yarafashe icyemezo cyo gushyira muri guverinoma abantu bageze nibura muri Kaminuza. Abo twavugaga ko bari "inkandagirabitabo" muri Guverinoma zabayeho ni nsekaliye Aloys wari ufite amashuri yisumbuye akagira n'umwaka umwe mu ishuri rikuru rya gisirikari na François Ngarukiyanwari wari ufite amashuri yisumbuye akagarukira no mu wa mbere wa kaminuza ari naho bamwirukaniye. Nsekaliye ntakiri minisitiri, Ngarukiyanwari we baracyamwizewe kuko ari ambasaderi w'u Rwanda mu Bubiligi. Muri ibi bihe by'inzibacyuho tuzategukwa n'abantu batajijutse nk'aho abanyabwenge babuze. Ariko se ko aribo bishyiraho. Bitabaye ibyo, Nayinzira Jean népomuscène twese tuzi amashuri ye, yadusobanurira ate ko muri PDC habuze umunyabwenge

wo gushyira muri guverinoma? Bamwe bavugaga ngo minisitiri y'ibidukikije ntigomba intiti.

Ariko ni ukwibeshya. Simpamyako ko navinzira wahoze ari umukarari (dactylographe) azavuganira igihugu mu rwego mpuzamahanga.

Ese ishyamba rye ryamuburiye undi mwanya? Si nangombwa ko aba minisitiri, hari akandi kazi yakora. Ari ibyo buri munyarwanda azaba minisitiri cyangwa se depite. Si mu nzibacyuho? Upfa kuba uri mu buyobozi bukuru bw'ishyamba ahasigaye ukiha itako ry'umutware. Mbe nka wa wundi ngo genda wanda waragowe!

Kangura.

**ZONE TAMPON : INKOTANYI ZIRAGARIKA INGOGO, MINUAR IREBERA.**

"Zone tampon" ni akarere kari hagati y'ibirindiro by'ingabo z'u Rwanda n'abasirikari ba FPR-Inkotanyi. ako karere, ubundi ntikagombye kurangwa mu ibikorwa bya gisirikari. Bityo nta musirikari, yaba uw'ingabo z'u Rwanda cyangwa se uwa FPR inkotanyi, wagombye gucaracara muri ako karere nkuko amasezerano y'Arusha abiteganyaga.

Nyamara, ikigaragara ni uko mu gihe ingabo z'u Rwanda zubahirije icyo cyemezo, ku ruhande rw'inkotanyi siko bimeze. Ako karere, inkotanyi zisa n'izakigarurirye kuko zigakorera ibyo zishatse. Kangura yigeze kwandika ko inkotanyi zizajya zitegera abantu muri "zone tampon" zikabagandagura. none iryo twavuze ritashye. inkotanyi zihurutse kuhategera umuyobozi wa Coop-Thé Cyohoha Rukeri, zimumishaho amasasu we n'abo bari kumwe, zibahindura amakara. Imodoka barimo, ziyahindura umuyonga; Ubwo bwicanyirye bwaje bukurikira ubundi inkotanyi zagiye zikora muri ako karere, amahanga azihagarikiye.

**Akagambane ka Minuar.....**

Ibinyamakuru byinshi ndetse n'amaradiyo amwe, bimaze iminsi byamagana ibogama rya wa mutwe w'abasirikari b'umuryango w'abibumbuye bari mu Rwanda, Minuar. Abo basirikari bari ino mu rwego rw'amasezerano y'arusha. Minuar yaje ino ifite inshingano yo gufasha abanyarwanda gushyira mu bikorwa amasezerano y'Arusha. nyamara icyo urebye ibikorwa by'uwo mutwe, usanga ntaho bihuriye n'ubutumwa bawushinze. Aho gufasha abanyarwanda kugarura amahoro, Minuar isa n'iyaje gufasha inkotanyi kugera ku butegeye. Mu nagambo make, Minuar irabogamye cyane.

Igiteye inkeke ni uko uwo mutwe w'abasirikari ukomeje guhishira ubugizi bwa nabi bw'inkotanyi kandi bukorerwa mu maso yawo. Ingero ni nyinshi. Uretse uriya muyobozi wa Coop-Thé Cyohoha-Rukeri wagandagwe mu maso ya Minuar, inkotanyi


zirengeje izindi nzirakarengane cyane cyane abanyapolitiki batavugaga rumwe nazo. Escadron de la mort ya Colonel KARENZI KARAKE wa FPR, akaba no muri Minuar, imaze guhitana abanyapolitiki b'imena nka Gapyisi, Gatabazi, Bucyana, Rwambuka... abandi baracyahigwa.

Inkotanyi zaramanutse zirara mu baturage muri Kidaho na Mutura zitsembe abaturage. babajije Minuar uwakoze ayo marorerwa, iraruca irarumira, Kandi abaturage bo nyirubwite baraziboneye. Nta gihe inkotanyi zidatoroka indiri yazo muri CND zikajya kugandagura abaturage batuye hafi aho. Babaza Minuar igatsembe ihakana ko nta nkotanyi ijya isohoka. Inkotanyi zifatanyije na twagiramungu zivugana Gapyisi, Gatabazi ziramwirenza, Minuar itari : "ntacyo nabonye!". Minuar ubwayo igaba igitero kwa Ba-

rayagwiza Jean Bosco, uyu wasimbuye Bucyana ku buyobozi bwa CDR, Imana ikinga ukuboko. Aho ibintu bigeze, Minuar niba itisubiyeho, abaturage bazihagararaho. Muri Kangura y'ubushize N° 58 mu ijamba ry'ibanze, mugenzi wacu NGEZE Hassan yavuze ko Minuar izataha, imaze gutakaza abasirikari 30.

Hari ababifashe nk'amakabyankuru nyamara ari ukuri. Ndetse bashobora kurenga. Twavuze kenshi ko u Rwanda atari Somaliya cyangwa Yugoslavia. Ariko byose bizaterwa n'uko abo basirikari bazakomeza kwitwara. Niba Minuar ikomeje gufatanya n'inkotanyi gushotora abanyarwanda, Sakindi izabyara ikindi. Ibizaba bizabazwe General R. Dallaire n'ingabo ze.

Kangura.



**COMITE DE REDACTION**

- |                    |                             |
|--------------------|-----------------------------|
| - NGEZE Hassan     | Directeur-Rédacteur en Chef |
| - NYABYENDA Issa   | Rédacteur en Chef Adjoint   |
| - SIBOMANA NABANTU | Journaliste                 |
| - HITIMANA Noël    | Journaliste                 |
| - HAKIZIMANA Joël  | Secrétaire de Rédaction     |

## BURUNDI: NTARYAMIRA NARYAMIRA BAZAMUGANDAGURA.



Ibinyamakuru 'Radiyo na televiziyo bimaze iminsi bitubwira amarorerwa abasirikari b'abatutsi b'i Burundi bakorera abahutu. Nyuma y'iyicwa ry'abahutu ryakurikiye igandagurwa rya Ndadaye na bagenzi be mu ijoro ry'uwa 20 rishyira uwa 21 Ukwakira 1993, abasirikari bafatanyije na bene wabo b'abajandarume bafashe intwari bagota umurwa mukuru wa Bujumbura, nta winjira nta n'usohoka. Ubwo bugizi bwa nabi bwibasiye uduce tumwe na tumwe twa Bujumbura cyane cyane udutuwe n'abahutu nka Kamenge, Kinama n'ahandi... burende zirasenya amazu, mitrayeze ziragarika ingogo. Imibare ya nyuma na nyuma itubwira ko mu murwa mukuru wonyine wa Bujumbura hamaze gupfa abantu bagera ku gihumbi.

Perezida Cyprien Ntaryamira ntawamenya iyo aherereye ku buryo vuba aha havugwaga Coup d'Etat i Burundi. Iyo nkuru yari ifite ishingiro kuko yatangajwe bwa mbere na Radiyo Rwanda ndetse n'amaradiyo mpuzamahanga nka VOA y'abanyamerika ndetse na DW y'abadage. Kandi ikaba yaratanze n'umwe mu baminitiri ba guverinoma wari mu buhungiro kimwe na bagenzi be. Radiyo Burundi, yagerageje guhisha iyo nkuru ariko biba iby'ubusa, kuko ukuri ntikwihishira. Yego nta coup d'Etat yabaye ku mugaragaro ariko muri iki gihe,

ubutegetsi bufitwe n'abasirikari bikorera ibyo bashatse.

Ndadaye, Ntaryamira n'abandi bategetsi ba Frodebu, banyibutsa umugaba w'ingabo Hannibal w'i Carthage (Tuniziya) warwanyije abaromani, akabatsinda ariko aza kurangara. Bituma bisuganya, bamwerekera aho babera babi. Bagiyeye kumwihongoraho baramubwira ngo «Vincere scis Hannibal, sed victoria uti nescis». Mu gifaransa ngo «tu sais vaincre Hannibal, mais tu ne sais pas profiter de ta victoire». Ngo Hannibal uzi gutsinda ariko ugutsinda ariko ugu tsinda kwawe ugupfusha ubusa». Baca umugani mu kirundi ngo «Igiti ntikigukora mu jisho kabiri». Abanyarwanda nabo bati «Kabiri mu rugo rw'umugabo...».

Mu myaka mirongo itatu n'umwe ishize kugeza magingo aya, abapfiriye icyihugu na demokarasi ni benshi cyane. Byaba nka bya bindi abaromani bavugaga ngo «Bonum et decorum est pro patria mori». Ngo ni byiza kandi ni ishema gupfira igihugu. Mu gifaransa ngo «c'est bon et un honneur de mourir pour la patrie». Ariko rero nta wakwifuzaga cyangwa se ngo akomeze kwihanganira ko abantu bakomeza gupfa.

Frodebu kimwe n'abahutu muri rusange bamaze gutsinda amatara, bakoze ikosa rikomeye ryo kwizera abatutsi no kurangara biko-

meye. Dufate urugero kuri Nyakwigendera Melchior Ndadaye wibeshye kuri Lt Colonel Jean Baptiste Bikomagu akamugira Chef d'Etat Major Général w'ingabo. Kandi igihe cy'iyamamaza Ndadaye yaraziraga bikomeye na Bikomagu icyo gihe wari Chef des Opérations militaires (ushinzwe ibikorwa bya gisirikari : kugandagura) muri Etat Major y'ingabo. Abarundi nabo bari bazi ubugome bwa Bikomagu. Yigeze gufata za kajugujugu zibasira ibigo by'impunzi z'aburundi muri Tanzaniya zirarasa biratinda. No mu Cibitoke, Bikomagu yisasiye imbaga y'abahutu yitwaje ngo Palipehutu yateye. Ngibyo ibyo Ndadaye yamushimiye amugabira gutegeka ingabo.

Baca umugani mu Kinyarwanda ngo ibuye ryagaragaye ntiriba rikishye isuka. Ndadaye yarabyirengagije akomeza kwibeshya kuri Bikomagu amwegurira abasirikari, anagirira neza abatutsi bose. Ntibyamubujijeguhumuriza impunzi z'abatutsi b'abanyarwanda b'inyenzi ngo nta kibazo bagomba kugira.

Muri ibyo byose aba atije abo bacyari umurindi. Ntibiteye kabiri, batangira gukwiza za tracts ngo «iyi mbwa y'umuhutu igomba gu pfa». Hashize iminsi, bene Bikomagu na Kagame bati tukwereke uko dushima ubugira neza bwawe !

Uko babikoze isi yose yarabibonye irumirwa ! Ibyabaye kuri Ndadaye bishobora no kuba kuri Ntaryamira. Kandi nawe yatangiye ku byibonera. Nareke gukina mu bikomeye, nareke guteta n'abatutsi ku ko ari nko gukinisha umuriro. Nyuma y'ibyabaye, Ntaryamira ntakwiye «kuryamira». Ntakomeze kwizera abantu batsindwa mu matoro ku mugaragaro, ntibabanyemerere. Natabaze amahanga azamugoboka amwoherereze ingabo zo kumurinda no kugarura amahoro mu Burundi. Naho ubundi Bikomagu na bagenzi be barongeye barariye !

**IRUSHANWA RYA KANGURA - IRUSHANWA RYA KANGURA - IRUSHANWA RYA KANGURA ... 1994**

Guhera kuri Kangura N° 58, ubuyobozi bwa Kangura bufatanyije n'abagiraneza bayikunda, yakoresheje irushanwa mu rwego rwo gucengeza ibitekerezo byayo mu bayikunda. Ibihembo bizatangwa twabigejejweho n'abagiraneza bayikunda, banayifuriza kuramba. Dore ibyo bihembo uko biteye. Kugeza magingo aya, duhereye kuri Kangura N° 58 dufta ibihembo biteye bita :

- Uzaba uwa mbere azahabwa : 25.000 Frw
- Uzaba uwa kabiri azahabwa : 15.000 FRW
- Uzaba uwa gatatu azahabwa itike y'Indege Kigali- Bujumbura - Kigali
- Uzaba uwa kane azahabwa itike y'Indege Kigali - Gisenyi - Kigali
- Uzaba uwa gatanu azahabwa Radiyo
- Uzaba uwa gatandatu azahabwa imiguru itatu y'inkweto
- Uzaba uwa karindwi azahabwa Isaha
- Uzaba uwa munani azahabwa ibiro 100 by'ibirayi n'amagi ijana n'igitenge
- Uzaba uwa cyenda azahabwa imitaka 2 na esule-main bihenda
- Uzaba uwa cumi azahabwa ipaki y'Impapuro wongeyeho amakaye umunyeshuri yakoresha umwaka wose.

**N.B. :**

- Irushanwa riramutse ritanzwe n'umunyeshuri wiga mu Rwanda mu mashuri abanza cyangwa yisumbuye, Kangura izamurihirira ako kanya minerval yatanga umwaka wose.
- Kubera ko ibihembo bishobora kwiyongera kubera abagiraneza biyemeje kuza duhembera abazatsinda, ibihembo bizongerwa ku bazaba batsindiye iriya myanya. Aho umunyeshuri azajya anganya n'undi utari we, Kangura izajya imwongerera agahimbaza musyi. Ahazajya haboneka umukobwa watsinze hiyongerwaho amavuta n'amasabune yo kwisiga.

**Dore uko ibibazo biteye :**

Byose hamwe ni 11 kandi buri kibazo ni amanota 2 usibye ikibazo cya gatatu kizabona amanota 3. Ibibazo cya gatanu gifite inota 1. Usibye ko twongeyeho ikibazo cy'amatsiko gishobora kugoboka abazaba bishe bimwe mu bibazo bya mbere. Tuboneyeho no kubasaba kutugezaho ibyo mutekereza ku banyamakuru ba RTL. Ni mwihutire gushaka Kangura N° 58, 59, 60 zizaahoka mu minsi ya vuba, mwikorere irushanwa !

**IBIBAZO :**

**Question 1 :** a) Ni muyihe Kangura haboneka itariki 22/02/1990 aho umwami Yesu yabwiye umuntu wari wikubise hasi. Ni iki umwami Yesu yamubwiye yari yarahishe abo yagombaga kukibwira ? Abo bantu ni bande ?

**Réponse 1 :** a) .....

**Question 2 :** a) Ni nde wandikiwe urwandiko rurimo interuro "turashaka gusubira mu gihugu cyacu, nta butaka tuburana bwo guhingamo, hari ibindi byinshi twakora byateza amajyambere mu Rwanda. ibindi byagira akamaro kurusha isuka?"  
b) Ni nde wasinye urwo rwandiko ?  
c) Yabonekaga ku kahe gasanduku k'iposita ?

**Réponse 2 :** a) .....  
b) .....  
c) .....

**Question 3 :** a) Ni mu yihe Kangura habonekamo iyi nteruro "Ubwo Habyarimana yasesaga inzego za parti ku wa 5 Nyakanga 1973 wari he?"  
b) Ni mu yihe Kangura Habyarimana yavuze ati "Turemeza rwose ko tutazagera ku majyambere mu myirya n'inzangano mu banyarwanda?"  
c) Kangura imaze gupfusha abanyamakuru bangaha? Ni bande ?  
d) Inyandiko uwitwa Mutabeshyerwa Antoine, commune Mukingo, secteur Busogo, cellule Rukoro B.P. 33 Ruhengeri yayohereje Kangura ku yihe tariki. isohoka mu yihe Kangura? Ku ruhe rupapuro?

**Reponse 3 :** a) .....  
b) .....  
c) .....  
d) .....

**Question 4 :** a) Ni mu yihe Kangura hasohotse iyi nteruro "Le pamehutu n'a jamais nourri aucune intention de haine raciale?"

**Réponse 4 :** a) .....

**Question 5 :** a) Abategetsi bashushanyije bambaye ubusa babonetse ubwa mbere kuri Kangura mu kuhe kwezi? Ni bande?  
b) Uwo Kangura yise "vétérinaire de formation, apprenti politicien avec un gouvernement incompetent" Ni nde ?  
c) Kangura yandikiye ambasaderi w'abanyamerika ryari? Yamushimiraga iki? Yamusabaga iki? Iyo baruwa yayanditse mu zihe ndimi?

**Réponse 5 :** a) .....  
b) .....  
c) .....



- Question 6 :**
- Interuro "uretse ko ibinyamakuru bikomeje kutwandikira kandi mwaratwizeye mubyeyi, ubundi humura inkotanyi uzaba uzitsinda" yasohotse mu yihe Kangura?
  - ifoto igaragara kuri Kangura n° 16 ni iya nde? Yavutse ryari? Apfa ryari?
  - Interuro : "Nyabuna nwose banyarwanda, bahutu, batutsi, namwe batwa, nimuvugishe ukuri, muvuge ibyo mwifuzaza" yasohotse kuruhe rupapuro rwiyihe Kangura?

**Réponse 6 :**

- 
- 
- 

- Question 7 :**
- Uwitwa Hangimana yavuzeko ntawe uraga umusazi. Nubazagire rero umuregera inyandiko ze? Byasohotse mu yihe Kangura?
  - Inyandiko "Ubugiraneza bw'inkware bwagiyonze iburi" yanditswe na nde? mu yihe Kangura?
  - Kanyarengwe atumazeho abatutsi iboneke mu yihe Kangura?

**Réponse 7 :**

- 
- 
- 

- Question 8 :**
- Kangura yabaye ijwi rigamije gukangura no kurangera rubanda nyamwinshi ryari ?
  - U Rwanda n'Uburundi bikwiye kuba igihugu kimwe, byasohotse mu yihe Kangura?
  - Ku itariki ya 2/12/1993 Kangura yasohoye itangazo rivugaga ibiki ? Ryandikwe bande ?

**Réponse 8 :**

- 
- 
- 

- Question 9 :**
- Vuga itariki abanyamakuru ba Kangura bagereye i Bujumbura kugira imibonano n'abategetsi baho?
  - Ni uwuhe mutegetsu w'u Burundi wabwiye umunyamakuru wa Kangura ngo "jewe sindi umwana w'umwami, Ivyo abami bama bapfa biraba abami"?
  - Umunyamakuru Habimana Kantano yasuye NGEZE Hassan muri gereza ya Kigali baganiririra mu yihe dortoir?

**Réponse 9 :**

- 
- 
- 

- Question 10 :**
- Vuga abanyacyangugu batanzwe agatoki na Kangura baba baragize uruhari mu icyicwa rya Bucyana?
  - Abanyabutare bashinjwa na Kangura muri urwo ruzi ni bande?
  - Interuro "Monsieur Jean Carlos, criminel comme Kangura" yasohotse mu yihe Kangura? Byanditswe na nde? Yabonekaga ku yihe adresse?

**Réponse 10 :**

- 
- 
- 

- Question 11 :** Ikibazo cy'amatsiko : Uzatsinda iki kibazo azaba aho amashirwa yo kugisimbuza ibindi bitatu mu byo azaba yatsinzwe.
- Dutegura iri rushanwa twifashishije Kangura sinze?
  - Vuga inshuro NGEZE Hassan amaze gutungurwa muri gereza no muri brigade zo mu Rwanda?
  - Guverinoma ya MRND, ya Nsanzimana, ya Nshamba, niyi Agatha, ni iyihe yafunze abanyamakuru benshi?

**Réponse 11 :**

- 
- 
- 

**N.B. :** Ca uru rupapuro, urwomeke ku bisubizo, urwohera kuri RTLM.  
Izi mpapuro zigomba kuva muri Kangura n° 58-59-60.  
Photocopie ntizemewe.  
Ibihembo bizatangira gutangwa nyuma y'icyumweru muri Kangura n° 60 isohotse.

AMASHIRWE MASHI



**SONDAGE - OPINION - BIDUTEYE AMATSIKO, YATUMARE RERO !**

Kuva aho RTLM yumvikaniye mu kirere cy'u Rwanda tariki ya 28/7/1993, tubwire uko ubona imikorere yayo. Tubwire icyo yahindura kugira ngo ikunogere. Vuga ibyo uyishima n'ibyo uyinenga.

**Ni iki cyakorwa kugira ngo ikunogere?****Ibibazo bitwe bitwa :**

Turababwira amazina y'abanyamakuru ba RTLM mutubwire icyo mubatekerezaho.

**HABIMANA Kantano :**

- |                                 |       |                          |         |                          |
|---------------------------------|-------|--------------------------|---------|--------------------------|
| a) Uramukunda                   | Yego  | <input type="checkbox"/> | Oya     | <input type="checkbox"/> |
| b) Umukundira iki ?             | Akazi | <input type="checkbox"/> | Ubucuti | <input type="checkbox"/> |
| b) Muhe amanota ku icumi.       |       | <input type="checkbox"/> |         |                          |
| d) Ni iki wifuza ko yahindura ? |       |                          |         |                          |
- .....
- .....

**GAHIGI Gaspard :**

- |                                 |       |                          |         |                          |
|---------------------------------|-------|--------------------------|---------|--------------------------|
| a) Uramukunda                   | Yego  | <input type="checkbox"/> | Oya     | <input type="checkbox"/> |
| b) Umukundira iki ?             | Akazi | <input type="checkbox"/> | Ubucuti | <input type="checkbox"/> |
| b) Muhe amanota ku icumi.       |       | <input type="checkbox"/> |         |                          |
| d) Ni iki wifuza ko yahindura ? |       |                          |         |                          |
- .....
- .....

**HITIMANA Noël :**

- |                                 |       |                          |         |                          |
|---------------------------------|-------|--------------------------|---------|--------------------------|
| a) Uramukunda                   | Yego  | <input type="checkbox"/> | Oya     | <input type="checkbox"/> |
| b) Umukundira iki ?             | Akazi | <input type="checkbox"/> | Ubucuti | <input type="checkbox"/> |
| b) Muhe amanota ku icumi.       |       | <input type="checkbox"/> |         |                          |
| d) Ni iki wifuza ko yahindura ? |       |                          |         |                          |
- .....
- .....

**NKOMATI Emmanuel :**

- |                                 |       |                          |         |                          |
|---------------------------------|-------|--------------------------|---------|--------------------------|
| a) Uramukunda                   | Yego  | <input type="checkbox"/> | Oya     | <input type="checkbox"/> |
| b) Umukundira iki ?             | Akazi | <input type="checkbox"/> | Ubucuti | <input type="checkbox"/> |
| b) Muhe amanota ku icumi.       |       | <input type="checkbox"/> |         |                          |
| d) Ni iki wifuza ko yahindura ? |       |                          |         |                          |
- .....
- .....

**BEMERIKI Valerie :**

- |                                 |       |                          |         |                          |
|---------------------------------|-------|--------------------------|---------|--------------------------|
| a) Uramukunda                   | Yego  | <input type="checkbox"/> | Oya     | <input type="checkbox"/> |
| b) Umukundira iki ?             | Akazi | <input type="checkbox"/> | Ubucuti | <input type="checkbox"/> |
| b) Muhe amanota ku icumi.       |       | <input type="checkbox"/> |         |                          |
| d) Ni iki wifuza ko yahindura ? |       |                          |         |                          |
- .....
- .....

**Abanyuza ibifaransa****GEORGES LOUJIOU :**

- |                     |       |                          |         |                          |
|---------------------|-------|--------------------------|---------|--------------------------|
| a) Uramukunda       | Yego  | <input type="checkbox"/> | Oya     | <input type="checkbox"/> |
| b) Umukundira iki ? | Akazi | <input type="checkbox"/> | Ubucuti | <input type="checkbox"/> |

- b) Muhe amanota ku icumi.   
 d) Ni iki wifuza ko yahindura ? .....

**MBIRIZI Philippe :**

- a) Uramukunda Yego  Oya   
 b) Umukundira iki ? Akazi  Ubucuti   
 b) Muhe amanota ku icumi.   
 d) Ni iki wifuza ko yahindura ? .....

**RUCOGOZA Emmanuel :**

- a) Uramukunda Yego  Oya   
 b) Umukundira iki ? Akazi  Ubucuti   
 b) Muhe amanota ku icumi.   
 d) Ni iki wifuza ko yahindura ? .....

**PERPETUE .**

- a) Uramukunda Yego  Oya   
 b) Umukundira iki ? Akazi  Ubucuti   
 b) Muhe amanota ku icumi.   
 d) Ni iki wifuza ko yahindura ? .....

**ANDIKA AMAZINA Yawe HANO.**

- Utegereze KANGURA nimeru 60 nayo wandikeho aderesi yawe, maze utwoherereze izo mpapuro uko ari eshatu zifatanye. (58-59-60)  
 - Ushobora kugira icyo uvuga ku banyamakuru ba RTLM maze ubahe amanota niba ukunda kumva iyo radiyo. Ibyo bizatuma abagiraneza bakunda RTLM bagenera ibihembo uzarusha abandi gushimwa n'abakunda RTLM. Amahirwe yabo rero ni wowe bayatezeho. Ohereza vuba rero ibyo bisubizo ubone ibihembo wateganyirijwe.

- IZINA :  
 - ICYO UKORA :  
 - Aderesi yose yuzuye uzayitwoherereza umaze kubona urupapuro rwo muri KANGURA N° 60.



## IRUSHANWA RYA KANGURA - SPONSORS

Mu rwego rwo guhamba abazatsinda "Concours KANGURA", abagiraneza biyemeje gutanga ibihembo bikurikira. Bikaba biboneka kuri RTLM. Rya duka "La Comète" rya mbere mu rwanda hose mu gucuruza ibigezweho, bidahenda, bisukuye, iryo duka ukaribwirwa nuko uriyobotse aberwa buri gihe, akaba ntawurihahiramo rimwe yaba atuye mu Rwanda cyangwa ahatemberera. Ryatanze ibihembo bihwanye na 66.500 FRW bizahembwa abantu bazatsinda "Concours Kangura".

Ibihembo byatanzwe na "LA COMETE" ni ibi:

1. Véritable Super Wax Hollandais zifite agaciro ka 25.000 FRW
2. Costume yubukwe yabagabo ifite agaciro ka 25.000 FRW
3. Ishati yabategetsi n'abakungu ifite agaciro ka 9.000 FRW
4. AMAVUTA MEZA y'abasirimu afite agaciro ka 4.000 FRW
5. Ibikinisho by'abana b'abahungu bifite agaciro ka 3.500 FRW

Ibyo byose bikaba byaratanzwe na "LA COMETE" yabereye abandi bagiraneza intangarugero.

Bakobwa; Badafu; abakiri bato, n'abasaza, iriya Véritable Super Wax Hollandais izababere urwibutso rwa "Concours KANGURA" 1994. Bantu mukunda gutembera mu ndege za Air Rwanda, bantu mwifuzaga kujya Kampala - Mwanza - Bujumbura - Cyangugu- Gisenyi, ntimutangwe! Umugiraneza yongeye gutanga andi matike y'indege ku banyeshuri bifuzaga gutemberera turiya turere. Yatanze amafaranga ahwanye na 40.000 azavamo amatike y'abanyeshuri bifuzaga gutembera muri aka karere k'Afurika y'ibiyaga bigari.

Air rwanda yatanze amatike yo kujyana uzatsinda, ikanamugarura. Yaba atabishaka agahabwa amafaranga ahwanye nayo. Ngo inabafitiye ibindi bihembo ku munyeshuri uzatsinda akagira amanota aruta abandi muri "Concours Kangura" 1994.

Kirino Photo yatanze ibihembo ku bazatsinda irushanwa rya Kangura bigizwe na film zo gufotora zifite agaciro k'ibihumbi bibiri  $2 \times 1.000 = 2.000$  Frw. Na cassette z'injyana muntu zifite agaciro k'ibihumbi bibiri  $2 \times 1.000 = 2.000$  FRW, albums icumi zizahabwa abakobwa bazatsinda zifite agaciro amafaranga 5.000 FRW ( $500 \times 10 = 5.000$  FRW). Hamwe n'isitimu igura k'ibihumbi 500. Byose hamwe KIRINO PHOTO yatanze ibintu bihwanye na 8.500 kandi ngo abonyeho no kubatumira guhahira no gukoresha amafoto yanyu muri Kirino Photo. Ngo hehe no kongera kubura amashyamba ngo yaguzwe na moteri.

Ntuyehe Maliki bakunze kwita Muzehe Hadji ucururiza mu biryogo, ku isoko, ku muryango wa mbere yatanze amavuta iduzeni azahabwa abazatsinda. Gihungu Hadji yatanze parfuri yo kwisiga ifite agaciro ka 3.500 na cassette video zizahabwa uzatsinda iwabo bafite

Video. Byose hamwe ni ibintu bihwanye na 13.300 FRW ( $2000 \times 5 = 10.000 + 3.300 = 13.300$  FRW).

Ntagwabira Jacques C/O Kiosque à Journaux : Gare routière yatanze amasabuni atanu Protex n'ipaki y'impapuro duplicateur (2.000 FRW). Société ABC itwara imizigo abantu n'ibintu yatanze amavuta yo kwisiga afite agaciro ka 5.000 FR.

Magasin "La Boutik" iri imbere ya BCR yatanze imipira ibiri ifite agaciro ka 7.000 FRW n'igitenge gifite agaciro ka 1.500 FRW. Sosiyete Corec yatanze porte-clé ihwanye n'amafaranga 750 FR na kuzakorera uzaba ari umwana photo-poster y'agaciro ka 4.500 FRW. La Sierra yiyemeje kugaburira abantu babiri-menus du jour - bazaba batsinze ( $1.600 \times 2 = 3.000$  FRW) Kigali Electronic Service yatanze 2.000 FRW Ravira Video Loc yemeye gutiza uzatsinda afite Video, cassette zo kureba mu gihe cy'amezi atatu. Ni ukuvuga ko bifite agaciro ka 9.000 FRW Hi-Tech iduka risha ridahenda ricururiza imbere ya Kirino Photo, ryatanze Lampe-Torche, Radio igura 10.000 FRW izahabwa uzatsinda ari umwana kurusha abandi.

Boutique ABC ikorera kuri Mille Colline yatanze amavuta menshi cyane afite agaciro ka 30.000 azahabwa abagore n'abakobwa bazatsinda irushanwa.

- Ivuriro rya Docteur UWIMANA ryemereye abantu batanu bazatsinda ibihembo bikurikira:

1. Kuvurirwa ubuntu umwaka wose, agahabwa n'amafaranga 2.500
2. Kuvurirwa ubuntu amezi 6, agahabwa n'amafaranga 1500
3. Kuvurirwa ubuntu amezi atatu, agahabwa amafaranga 1.000
4. Kuvurirwa ubuntu amezi abiri, agahabwa amafaranga 1.000
5. Kuvurirwa ubuntu ukwezi kumwe, agahabwa amafaranga 500.

\* Abo bose bazakurikiranwa na Docteur UWIMANA Alphonse.

- TABARWA yaduhaye ikarito y'itabi izahabwa abazatsinda.  
- Boutique "JYAMBERE" yatanze ibihembo bikurikira:

1. Ipantalo y'abakuru igura amafaranga 5.000
2. Amashyamba y'abagabo abiri agura amafaranga 5.000
3. Umukenyero w'abagore ugura amafaranga 15.000
4. Umupira ugura amafaranga 2.500
5. Amavuta y'abagore yo kudefiriza agura amafaranga 6.000
6. Parfuri igura amafaranga 3.000
7. Inkweto z'abagore zigura amafaranga 3.000
8. Yemeye no gusengerera umugabo w'umu C.D.R. uzatsinda ririya rushanwa. Boutique "JYAMBERE" izamuhaha ikaziye ya MUTZIG. Boutique "JYAMBERE" yatanze ibintu bifite agaciro k'amafaranga 45.000

Biracyaza.....

## NI NDE MDR IKENEYE MU GUKIZA URU RWANDA ?

**Dr MUREGO Donat na KARAMIRA nibo batezweho agakiza.**

Uko njye nabonye ivuka ry'amashyamba, nkabona uko iyi ntabara y'Ukwakira yatangiye, ngasesengura impamvu zose zatanzwe, noneho uko abanyapolitiki bacu bahagurutse, nareba amagambo yose bavuze, nakwibuka ko bose basakuzaga ngo turashaka ko ibintu bihinduka, mpita nibaza uwo rubanda ibonamo umukiza. Byangoye cyane kwemeza uwakiza uru Rwanda mu rwego rw'igihugu. Ariko mpereye kuri buri shyamba, mfatiye ku ngufu zaryo, nahisemo gutangaza uko nabonye abakiza uru Rwanda bavuye muri MDR. Murego Donat yagaragaje ko icyo aharanira kurusha ibindi ari uko ibyo abaturage bifuzaga aribyo byakorwa. Yasobanuye kenshi ko ubutegetsi bugomba gushingira ku bitekererezo

bya nyirabwo aribo baturage. Yakomeje avuga ko inda mbi z'abanyepolitiki ari zo zitumye u Rwanda ruhera mu gihirahiro. Disikuru ze zose kuva muri za 1968 kugeza muri 1994 usangamo inama zatuma abafite amatwi bumva, abafite amaso babona, abashyira imbere inda zigambanira rubanda bakazabibazwa n'iminsi. Murego yemera ko amateka agenda agira icyo yerekana mu byo bamwe birengagiza. Yafunzwe azira ubusa, ubuzima bwe burahazaharira. Yasebejwe, ubutegetsi bwa MRND bumukorera ibya mfura mbi, ariko ibyo byose yahisemo kubitura Imana. Asanga u Rwanda rutahora muri ibyo, yiyemeza gusigira igihugu umurage. Asaba twe urubyiruko guharanira icyo abaturage babafuzaga. Nguwo uwo rubanda yabonye Kangura ko ikeneye. Nguko uko twe namwe mubibona. Ubutwari bwe si twe twabuvuye

kuko utabubona ni uko afite ibindi yibonera atumwe n'inda ye.

**Uko nabonye Karamira Frodouald**

Ngo ubutwari bw'umuntu buturuka ku byo avuye, bukagaragarira mu byo akora. Ubu u Rwanda rwose rwibaza aho Karamira yabaga. Nyuma yuko afungwa muri gereza azira ubusa. Abantu bibajije igihe azaviramo. icyo yahise agaragaza nuko yifuzaga ko demokarasi yasugirira mu Rwanda. Ubutegetsi ntibukomeze kwiharirwa n'umuntu umwe, ngo abe ari we wica akanakiza, ngo abe ariwe uba umucamanza wenyine. Ariko icyo usesenguye ibitekerezo byo usanga u Rwanda rukeneye abantu nkawe. Nibura buri perefegitura ibonye abantu babiri nkawe, bakabona uburyo bwo gutangaza ibyo batekererezo.

za, rubanda ikabyumva, natwe tuka-byandika, abazavuka bakazabibona. Uriya mugabo nta narimwe atifuje ko ibyo rubanda yifuje aribyo byakorwa. Ngo ntazemera na rimwe ko agatsiko k'abategetsu katatumwe n'abaturage,

ntigatumwe n'ishyaka, ko ako gatsiko kakoresha igitugu mu gutegeka rubanda. Nta mwanya ashaka adahawe na rubanda. icyo rubanda izifuza ko akorera igitugu nicyo azakora. Yemeza ko rubanda yonyine ubu irimo ibona

uko igambanirwa, ko ubu rubanda yarangije kurakara. Ko igisigaye ari uko izavuga. Twe abo muri Kangura twasanze buri shyaka ryagombye kubafataho intangarugero.

NGEZE Hassan.

## TURAKINA MU BIKOMEYE ...

Akaduruvayo igitugu cyacu kirimo gashobora kuturoha mu rwobo tutazapfa twivanyemo. Ari abanyabwenge, cyangwa se abaturage basanzwe twari dukwiye kwiyumvisha ko dusangiye ibyago n'amahirwe.

Abaturage bo baracyari bazima. Abanyapolitiki bacu nibo banze bakananirana. Aho ibihe bigeze, icyadukiranura ni amatora. N'agahenge dufite ni uko abaturage bihangana, mu gihe hiryu no hino ku isi rubanda yari yarambiwe ijamba ry'ishyaka rimwe rukumbi, abanyarwanda bo biyemeje kuyoboka politiki y'amashyaka menshi. Igihe igitugu cyari cyugarijwe n'umwanzi, abanyarwanda bafashije uko bashoboye ingabo zabo ziramuhashya.

Kugeza ubu abanyarwanda birinze gusubirana n'ubu bwose ari cyo FPR yari igamije. Abanyarwanda bakomeje kwihanganira inzara, amapfa n'indwara byayogoje uduce twinshi tw'igitugu. Abanyarwanda bakomeje kandi kwizera ko amatora ariyo azaba Kamarampaka.

### Abanyapolitiki bakomeje kugambanira rubanda...

Kuva aho abanyarwanda biyemeje kugendera kuri Politiki y'amashyaka menshi, abanyapolitiki benshi berekanye ko icyo bagamije atari inyungu za rubanda. Berekanye ko icyo bagamije ari inyungu zabo bwite. Niyo mpamvu bakomeje gupfa imyanya y'ubutegetsu bigabanyije rubanda itagishijwe inama. Aho kuvuganira rubanda, abanyapolitiki bacu bakomeje kuvuganira udutsiko tw'abantu bishakira inyungu zabo. Abenshi basigaye banyaha ubutegetsu birengagije inzego nkuru z'amashyaka yabo, zatorwe mu buryo bwa demokarasi. Abenshi bakaba ari abantu basahuye igitugu bakabura gihana.

### Ntakaburimvano.

Baca umugani mu kinyarwanda ngo ibijya gupfa bipfa mu iterura. Mbere y'uko FPR ishoza imirwano, mu gihugu hari umwuka mubi. Ari

nayo mpamvu, Perezida wa Repuburika yari yashyizeho akanama kari

Ariko ibyabaye i Burundi biratwerekako abaturage bashobora kwitorefa



gashinzwe gukusanya ibyifuzo by'abaturage kugira ngo arebe uko yahindura politiki y'igitugu. Urujijo rwatangiranye n'iyi ntambara yagiye ihindura isura.

Ibyo ari byo byose, inkotanyi zahabonye isomo kuko zabonye ko ingufu za gisirikari atari zo zizakemura ikibazo cy'impunzi. Ibyo bise amasezerano y'Arusha byahindutse igabana ry'ubutegetsu. Muri iryo gabana, inkotanyi zigize nyoni nyinshi zihisha imigambi yazo, yo gufata igitugu ku ngufu.

Iyo igitugu cyugarijwe, iby'amashyaka ntibigomba kurangaza abaturage. Ibyo byagaragaye mu ntambara ya kabiri y'isi aho ibihugu nk'ubwongereza cyangwa se leta zunze ubumwe z'amerika byiyemeje kureka amatiku y'amashyaka kugira ngo bihangane n'abadage.

### Dukeneye imatora.

Akaduruvayo igitugu cyacu kirimo kakizwa n'amatora. Muti kuki?

Abanyarwanda barambiwe intambara. Nkuko bavugaga ngo muhe Kayizari ibya Kayizari, iby'Imana mu bihe Imana, ni ngombwa guha rubanda ibya rubanda. Amashyaka ya politiki yabonye igihe gihagije cyo kwiyamamaza ku buryo abakandida rubanda ibazi neza.

Abanyarwanda bamenyereye amatora kuva bakwitorera ababurugumesitiri n'abakonseye mu mwaka w'1960. Uburiganya bwagiye buboneka muri ayo matora ntibwaturutse kuri rubanda. Bwaturutse ku butegetsu.

ababategeka niyo ubutegetsu buriho bwaba butabishaka.

Amashyaka yarangije gutanga gahunda yayo haba mu biganiro mbwirwaruhame cyangwa se muri za mitingi. Imfashanyo amahanga aduha yadufasha gutegura amatora aho gutinda mu nzibacyuho.

Ntanicuabuza ayo matora kuba kuko no mu turere turangwamo imirwano abaturage bashoboye kwitorera abayobozi nkanswe aho intambara itageze.

Ayo matora aramutse abaye, ni ngombwa ko atazamo uburyarya. Birasaba ko ahagarikiwa n'amahanga. Agomba kandi kuba mu ibanga.

Bitabaye ibyo, ni ngombwa gufata ibyemezo bihamye byavana igitugu mu gihirahiro. Kubera ko guverinoma iriho itagikora, abanyapolitiki bakaba bakomeje gupfa, ni ngombwa ko Perezida wa Repuburika ashiraho umukwabu. Ni ngombwa kandi ko Perezida wa repuburika ahabwa ububasha bwo gushyiraho guverinoma ifite ingufu na FPR ikajyamo niba ibishaka.

Guverinoma yajyaho yahabwa inshingano eshatu zihutirwa.

- kubungabunga umutekano w'abaturage no kurwana ku busugire bw'igitugu

- gutegura amatora mu gihe kitarenze umwaka umwe

- no gutunganya ibikenewe kandi byihutirwa.

Dr. NGIRIRA Mathieu.  
Rwerere Gisenyi.

## ABATURAGE BAKENEYE AMAHORO ... SI AMASEZERANO.

Tariki ya 4 Kanama 1993, Arusha muri Tanzaniya nibwo Guverinoma y'u Rwanda na FPR-Inkotanyi bashyize umukono ku masezerano y'amahoro. Abanyarwanda cyane cyane abavanywe mu byabo n'intambara bari bamaze imyaka ibiri muri bulinde bariruhukije. Bakekaga ko akaga kabo kagiye kugabanuka. Dore ko abamaraniraga ubutegetsi noneho bari bamaze kubutera imirwi. Ari nabyo bise "amasezerano y'amahoro". Ariko urebye neza usanga ibyabereye Arusha ari amasezerano y'ubutegetsi, atari amasezerano y'amahoro.

Ayo mahoro, abaturage barategereje, amaso ahera mu kirere. Bayabujijwe n'abanyapolitiki batashoye kumvikana ubwabo. Kandi ubwo niko bakomeje kubeshya ko amahoro ari hafi ngo kubera ko basinye amasezerano. Nyamara ikigaragara ni uko kugira ngo amahoro agaruke mu Rwanda, atari ejo cyangwa ejo bundi.

### Ikosa ni irya nde ?

Mu batubuza amahoro, ku isonga hari Twagiramungu ukomeje kuzamya ibintu akaba ahejeje igihugu mu gihirahiro. Iyo Twagiramungu atabaho cyangwa se niyo yabaho, akaba umuntu utekereza ibyago abanyarwanda barimo, ntatekereze inyungu gusa, u Rwanda ntabwo ruba rugeze aho rugeze aha. Twagiramungu nawe si we kuko afite abamukoresha. Twagiramungu niwe muntu FPR yahisemo ngo ateze akaduruvayo mu gihugu uhereye mu ishyamba ry'Abahugukiwe n'icy'intambara cyane cyane y'inyeshyamba, batubwirako igihe tugezemo, amayeri FPR ikoresha muri iki gihe, byose byari biteganijwe FPR imaze gutsindwa intambara y'amasa-su, yahinduye uburyo bwo kurwana. Ubu icyo ishigaje kandi yatangiye no kwangisha abaturage ubutegetsi kugira ngo ibigereho, FPR yatangiye ibikorwa by'iterabwoba hirya no hino mu gihugu, ku buryo nta muturage ugisinzira, inzara iranuma, indwara ziraca ibintu, akazi kabaye ingume, n'abagafite ntibagihembwa. Kandi ibyo byose ntawe uzi aho bazarangirira ku buryo abaturage bazageraho bakarambirwa. FPR iti "ndongeye ndariye !".

Intandaro y'ayo makuba yose ni amasezerano y'Arusha yizwe nabi.

Ayo masezerano bise ay'amahoro, turerebye nabi yaturoha mu yindi ntamba-

ra cyane cyane iy'amoko. Ibizaba byose bizabazwe Ngurinzira na shebuja Nsengiyaremye bagiye gushyira umukono ku bintu nabo ubwabo babona ko atazubahirizwa. Ngo ni uguhimana ! Iyo urebye uko amasezerano y'Arusha yateguwe, usanga yari agamije guha FPR ubutegetsi itashoye kubona ikoresheje imbunda. Aha rero niho ibintu bigoranye. FPR yabeshya, abantu ihagarariye ni bake. Umubare w'abatutsi uracyari muto ugereranyije n'uko abahutu bangana. Mu bihe nk'ibi bya demokrasi nta kuntu agatsiko k'abantu batarengeje 14 ku ijana by'abanyarwanda kakwiharira ubutegetsi kakabwambura imbaga y'abantu barenga 85 ku ijana. icyo icyo FPR n'abatutsi batri bumva. Bitwaje gusa ko ngo baremanye imbuto yo gutegeka. Burya si buno. Kandi ibihe byarahindutse. Ntabwo tukiri muri cya gihe, umuryango umwe wategukaga abandi nta n'impamvu igaragara, ngo ni uko gusa kanaka yavutse mu muryango mwiza. Buri wese, umuhutu, umututsi, umutwa, n'uri ibi bihe bya demokrasi, afite imbuto yo gutegeka. Imbuto nta yindi ni amatara. Abanyarwanda bakeneye ubutegetsi bubarengera. Amasezerano y'Arusha yabahaye ikizere kiraza amasinde. Ubwo butegegetsi babutegereje kuva mu kwa munani, umwaka ushize, tariki ya 1, 8, 22 Mutarama uyu mwaka ariko na nubu. Kubera abanyapolitiki bakomeje guharanira inyungu zabo gusa. Bamenye ko abaturage bazageraho bakarambirwa. Kuko icyo bakeneye ni amahoro. Yaba ay'Arusha cyangwa se ay'ahandi, apfa kuba ari amahoro !

KANGURA

### ARUSHA YABYAYE IBIHUMYE.

Baca umugani mu Kinyarwanda ngo imbwa yihuse ibyara ibihumye. Iyo urebye umuvuduko abari Arusha basinyanye amasezerano bise y'amahoro, usanga wari uhatse ikindi. Ibijya gupfa bipfa mu iterura. Mu mateka y'isi ni ubwa mbere amasezerano yasimbura itegeko nshinga. Ni ubwa mbere kandi mu mateka y'isi, bandika mu itegeko igihugu kizageraho, izina ry'umuntu uzayobora Guverinoma.

Mu gihe mu Rwanda demokrasi isa nk'umwana urerwa, ruriya rwabaye urugero rubi. Uretse no mu Rwanda, n'igihe cy'abaromani, ubwo hategekaga abavukanye imbuto gusa, nta na hamwe bigeze bandika izina

ry'umuntu mu itegeko igihugu kizageraho. Ibyo nibyo abategetsi bacu bakomeje kwitwaza biha ubutegetsi abaturage batabatoye. Muri icyo ntambara yo kurwanira imbehe, niho baturuka amatiku y'urudaca, ahejeje igihugu mu gihirahiro. Ku buryo ku bazi gushishoza neza, bemeza ko inzego z'ubutegetsi tw'inzibacyuho yaguye zitazapfa zigiyeho.

### Muti kubera iki ?

- Kubera ko abategetsi dutegereje cyangwa se abariho, ari ba bandi bihaye ubutegetsi, nta wahamya ko umunsi amatara yabaye, abaturage bakagira ijamba, ko batababukomeza. Abo bajura rero bafite igihe gito cyo kwigabiza ibya rubanda kuko amahoro bazabisubiza. Bamwe banabiryoze. Mu mezi 22 inzibacyuho izamara, ibyo bisambo bizakoresha amayeri yose ngo bigume ku mbehe. Igihe cy'inzibacyuho nikirangira, nta wahakana ko bamwe mu bibye ubutegetsi cyane cyane abadepite batabazagundira maze aho kumara imyaka 2, inzibacyuho ikamara n'imyaka itanu cyangwa 20 nkuko FPR ibyifuzaga.

- Minisitiri w'Intebe washyizweho (nako wishyizweho) kuyobora guverinoma y'inzibacyuho yaguye, nta wakwemeza ko azashobora kumvikanisha amashyamba. Kandi biragaragara. Twagiramungu yarangije kwambara uruhu rwa FPR. Akaba ashaka no gushyiraho guverinoma ifite isura ya FPR. Twagiramungu wibye ishyamba MDR abarwanashyamba ashobora no kwiba igihugu ba nyiracyo.

- Muri iki gihe kuvuga amasezerano y'amahoro y'Arusha, ni ugutera urwanya kuko amasezerano yashyizweho umukono n'abantu babiri, umwe atayemera. Guverinoma y'u Rwanda yasinye ihumirije itabanje kumenya niba FPR yemera koko ayo masezerano. Kuri FPR byabaye nk'amaburakindi kuko nta kundi yari kubigenza. Kandi yarangije kugaragaza ko itemera ayo masezerano. Wavuga ute amahoro umaze kwivugana intwari nka Gapyisi, Bucyana, Rwambuka n'abandi bishwe nko muri Kidaho, Mutura, Taba ... ? FPR yubuye intambara. Abatabibona ni ba bandi bafite amaso ntibabone, bafite amatwi ntibumve, bafite ubwenge ntibatekereze. Ibimenyetso birahari. Inkotanyi zirica abantu hirya no hino mu gihugu. Abategetsi ba FPR bari baje i Kigali bisubiriye ku Mulindi. Abayobozi ba-

kuru b'inkotanyi nta gihe batavugaga ko biteguye intambara. Nta n'ubwo bakizera ibyo basinye Arusha. Kuri bo amahoro azava kuri FPR, ntabwo azava ku masezerano y'Arusha Aba-romani nibo babivuze neza bo bavuze ngo "Cui vis pacem para bellum" (Qui veut la paix prépare la guerre). Ngo ushaka amahoro ategura intambara. Abanyarwanda bagomba uba maso. Niba Twagiramungu, Agata, Lando n'inyenzi bashakira amahoro koko, kuki bakomeje kudindiza ishyirwaho ry'inzeho z'inzibacyuho yaguye ?

Amezi amaze kuba umunani, amaso yaraheze mu kirere. Wakubaka igihugu ute n'abantu nka bariya b'ababeshyi banyunyuzaga imitsi ya rubanda bakaba n'abicyanyi ?

Abaturage ntibari bakwiye kurangazwa n'amasezerano y'Arusha kuko na ba nyirubwite cyane cyane FPR itayemera. Ni ngombwa ahubwo gutekereza uko igihugu kizaba kimeze mu minsi iri imbere. Igihe kirageze ngo abaturage bongere bahabwe uburyo bwo kwitorera ababategeka. Hari

abumva bavuze amatora bakababwira. Kandi ni mu gihe kuko amatora abaye bamwara. Nibo bakomeje kuyadindiza. Arusha yazana amahoro ite, Kagame ariwe utegeka jandarumori ? Mukeya ko yagiye i Bujumbura gukina ? Kagame niwe koko uzasubiza mu byabo ababivanywemo n'intambara ? Niba FPR ishaka amahoro, nibyerekanwe. Ariko ntugomba kuba abapfuye. Ngo wigana ingendo yundi ukavunika

KANGURA

## KUKI PEREZIDA WA CDR YAPFUYE TUKICECEKERA.

Ubu mu Rwanda hose baribaza impamvu BUCYANA Martin yivuganywe n'abanyarwanda maze twe abo yayoboraga ntidukome. Ibyo muvugaga natwe turabizi kandi turabibona. Twe twashatse ko leta y'u Rwanda ibanza kugaragaza ubushake lita mu guhana abakoze iryo bara. Leta rero byarayinaniye kuko abishye BUCYANA amashyamba yabo PSD na FPR yabyitambitse none bakaba baranze gufatwa : ngo banasanze ari abakungu ku buryo bakoresheje amafaranga yabo mu kugura abakora anketi. icyo twasabaga n'uko mwahora muzirikana aya mazina yabatwiciye umuyobozi :

I Cyangugu : Serubyogo, Baziruwita Mariyana, Karangwa.

I Butare : Bihira Juvénal, Bashimiki, Ryambabaje Alexandre, Rutaziganwa Ignace, Mazina Alexandre, Miwani Sakwaya, Jabo Aloys, Gatoki, Yahaya, Kagwindiri, Lukusa na Buyoya ukora muri Musée.

N.B. : BAMWE MURI ABO BICYANI BATANGIYE KUGURA ABANYAMAKURU BA RTLM NGO BAZABAHANAGUREHO ICYAHA. BARABESHYA NABO NIBIBA NGOMBWA BAZARYOZWA IBYO BARIYE. ABO BICYANI TUZI ICYO TWABATEKEREJEHO.

### ABISHE BUCYANA TURABYABAHIGA.

BUCYANA : "Urufu rwanjye ntwagombye kubaca intege. icyangombwa ni ukuzirikana icyo naharaniye. icyo nzi gusa ni uko urufu rwanjye kimwe n'urwa murumuna wanjye Morisi, rwaturutse ku nkozi z'ibibi zatugambaniye. Barabeshya abo leta itazafata bazafatwa na rubanda maze baryozwe ibyo bakoze.



## SONARWA YARI YIBWE MILIYONI 38 NONE ZIGIYE KUYIGARUKIRA.

Ku Gisenyi umucuruzi witwa MUNYANDINDA Protais alias Rasta yatwitse iduka yacururizagamo. SONARWA imwishyura akayabo k'amafaranga miliyoni 38 none Kangura yabonye ibimenyetso byose bituma leta isubirana umutungo wayo. Musome Kangura N° 60 muzasangamo uko byagenze.

Genda leta urarika.

Ngeze Hassan

BIZIMANA Boniface, umunyamakuru wa Kangura, imana imuhe iruhuko ridashira.

## MURI MRND TUZIZERE NDE ?

Ngo urwishe ya nka ruracyayi-mo. Ubu twitegura kujya mu bihe ikomeye, ibibazo twabonaga mu andi mashyaka bishobora kuvuka muri MRND kandi byo bikaruta by'andi mashyaka. Iyumvire nawe. ntambara igitangira, abateye u rwanda berekanye ko batifuza imikorere ya MRND. Ibyo babigira urwitwazo naze bica urubozo abaturage b'inzi akarengane. Aho ibyo gufata igihugu ku ngufu bya FPR byari bitaragerwaho, amashyaka y'imbere mu gihugu nayo yari akivuka kandi akeneye ubutegetsu bwagombaga kugabanwa kubwo habyarimana yari yihariye wenyine. Amashyaka menshi yaje kugwa mu mutego maze FPR irayakoresha karahava :

Barica, barasenya, barasahura n'ibindi. Ubwo aho amasezerano y'Arusha ashirirahwe umukono, buri shyamba rimaze kubona ubutegetsu, baje gusanga ntacyo bimaze kwamubura Habyarimana ubutegetsu maze akabwegurira inkotanyi. Ni bwo impande zose ziharanira repubulika zongeye kwiyunga ngo hatwo igihugu kidafatwa. Ibyo byaje guhurirwaho n'amashyaka menshi atabogamiye ku nkotanyi maze uruhande rwo muri MDR Parmehutu, uru ruyoborwa na ba Murego, Karamira n'abandi batari twagiramungu n'ibitso bya nka Nsengiyaremye. urwo ruhande rwa ba Karamira rwegereye abo muri MRND rubabwirira ko bagomba gufatanya mu guharanira ubusugire bwa repubulika. Ibyo byagerwaho noneho buri shyamba rigakoresha uburyo bwaryo bwo gutunda amatara. Bityo ubutegetsu bukaguma mu maboko ya rubanda nyamwinshi.

### Ibibazo bivuka bite rero?

Duhereye ku bivugwa n'abanyabwenge bayobotse ishyamba rya MRND ngo ntubumva abagira Perezida Habyarimana inama ngo uyu munsu agaragaze ko icyemezo runaka atazacyemera. Kubera ko cyateguwe nabi, kikaba kidashyigikiwe n'abaturage. Bwacya ukumva ngo cya cyemezo yari yanze ngo yagisinye. Ibyo bigatuma abanyabwenge bo muri MRND bibaza niba habyarimana azi neza ko ufite ubutegetsu ko ari nawe uhagarariye abahutu bese baharanira ubusugire bwa repubulika. Ukibaza niba ahubwo umwanzi namara kumuhirika butazaba uburyo bwo kudufata gituma. icyo abo banyabwenge bashimira Habyarimana ni kimwe gusa. Kuba yaremeye amashyaka



menshi, ibyo azabashimirwa. icyo batemera n'ukuntu ahora yivuguruzabikaba byatuma AFATA IBYEMEZO BYAROKA ABAMUSHYIGIKIYE BOSE.

### Abo muri MDR banenga iki Habyarimana?

Ngo Habyarimana yagombye kumva ko agomba gufatanya n'abandi mu kurengera igihugu bakabuzab inkotanyi kwigarurira iki gihugu. Maze byazagera mu matora rubanda akaba ariyo yihitiramo uko yabona iyoborwa m'uwariyoborwa. Ngo bahura na Habyarimana bakavugana ibintu batandukana bigasa nkaho batigeze babonana. ngo bahura n'abajyanama be bakemeza ibintu batandukana ibyo bavuganyeye bikaba byageze mu Nkotanyi.

Ngo bahura na Matayo Ngirumpatse bakiga ibibazo bakabifatira umwanzuro, batandukana Matayo agafata disikuru yo kumwishongoraho. Ibyo byagiye bigaragara kenshi mu madisikuru ya Matayo. icyo abaturage bese bahurizaho nuko bariya baswa, bariya bagambanyi ba Nsengiyaremye ataribwo shyamba. Bakoze amakosa menshi yaba Nsengiyaremye yaba Ngurinzira ariko ubwo ayo makosa yose yabaye, MRND yagombye guhora iyibutsa abayoboke bayo na MDR ikabikora ikumvisha abayo ko ibibazo byose biri mu mashyamba byazanywe nabo bagabo bombi baguzwe n'inkotanyi, igihe bari Arusha. Maze ubwo bugambanyi iminsi ikazababaza ibyo bakoze. Naho ubundi guhima abaturage bo muri MDR kandi uzi neza ko amakosa yakozwe nabo twavuze haruguru. Ntaho waba utandukaniye n'aba bazungu bimana imfashanyo ngo u Rwanda rwanze gushyiraho inzego z'inzi

cyuno yaguye. Aho gufatira ibyemezo ushyiraho izo nzitizi zituma itajyaho. Abantu benshi bibaza uwo bajya bavugana no muri MDR bakamubura.

### Umwanzuro.

Ubu muri MRND bamaze kubona ko Habyarimana nta ngufu azaba afite mubutegetsu bw'inzi bacyuho yaguye. Ku buryo abadepite bashobora kuzasaba ko Habyarimana yavanwe ku mirimo ye. Kubera impamvu zitandukanye bashobora gutangwa. Bityo bagasaba ishyamba MRND gutanga undi mu kandida kuri uwo mwanya dore ko amasezerano y'Arusha yemereye uwo mwanya MRND. Ariko ntiyigeze avugana izina ry'uzatega. Aha rero niho abareba kure dusanga Matayo Ngirumpatse atazababazwa n'uko inama y'abadepite yakuyeho Habyarimana, ko ahubwo ubu yatangiye gutegura ikarita azakinisha umunsu byabaye. Dore ko ubu abakurikirira hafi ibya politiki bemeza ko ari we uzahita yitanga kuri iyo kandidature izaba ibonetse. Mu gihe rero Matayo acyibereye muri ibyo yibaza uko ashobora kuzivana muri izo ngorane. Dore ko biramutse bibaye ishyamba ryacikamo ibice bibiri nkuko bimeze ubu.

Bityo FPR ikaba ibonye uburyo bwo kugera kubayinaniye mbere yuko amatara aba. Ibyo byose nibyo bituma bigaragara ko Matayo nawe yagombye gutangira gucyahwa bityo ibyo dushinja Twagiramungu nawe bitazamugarukira atabitekerejeho neza.

Ibyo ariko bibonwa na bacye cyane. Dore ko abaturage benshi ubu batarasobanukirwa n'uko Habyarimana azaba ameze ubwo ubutegetsu bw'inzi bacyuho buzajyaho. Yego buri wese aharanira inyungu ze ariko se iyo ubonye ko inyungu zawe zizoreka imbaga ntiwaba umugabo ukisubiraho amazi atararenga inkombe.

KA02 2101



*KARAMIRA Frodouald ati -*

Nimureke igihugu gitegekwe uko abaturage bifuza ko cyategakwe. Abaranzwe n'inda nini ubu rubanda irababona.